**AMATEGEKO SHINGIRO AVUGURUYE Y'IHURIRO RY'ABAGIZE INTEKO ISHINGA AMATEGEKO RIKUMIRA JENOSIDE, IPFOBYA N'IHAKANA RYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI (AGPF)**

==============================================================

## IRANGASHINGIRO

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda mu ngingo yaryo iya 10 n'iya 39;

Twibukije Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganiza bwa Muntu ryo ku wa 10 Ukuboza 1948;

Dushingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yo ku wa 09 Ukuboza 1948 yerekeye gukumira no guhana icyaha cya jenoside nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n°48/01 ryo ku wa 05/09/2008;

Dushingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye guca burundu ivanguramoko iryo ari ryo ryose yo ku wa 21 Ukuboza 1965 nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n°49/01 ryo ku wa 05/09/2008;

Dushingiye ku Itegeko Ngenga nº 007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena y'u Rwanda, mu ngingo yaryo ya 142;

Dushingiye ku Itegeko Ngenga nº 002/2024.OL ryo ku wa 12/07/2024 rigena imikorere y'Umutwe w'Abadepite, mu ngingo yaryo ya 211;

Dushingiye ku cyemezo n° A/RES/58/234 cyo ku wa 23/02/2004 cy'Inama y'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye gishyiraho itariki ya 7 Mata nk'umunsi mpuzamahanga wo gutekereza kuri jenoside yabaye mu Rwanda n'ingaruka zayo;

Dushingiye ku cyemezo cy'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda cyo ku wa 16 Kamena 2006 cyemeza ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda ari icyaha gikomeye cyakozwe ku mugaragaro kikaba kidashobora gushidikanywaho na buke;

Dushingiye ku cyemezo n° 2150 (2014) cyo ku wa 16/O4/2014 cy'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi gishimangira ko mu Rwanda habaye Jenoside yakorewe Abatutsi kikanasaba ibihugu byose byo ku isi kuvana isomo kuri iyo jenoside;

Tumaze kubona Jenoside yakorewe Abatutsi igahitana abana b'u Rwanda barenga 1.000.000, twibuka n'amateka mabi yaranze Igihugu cyacu;

Tumaze kubona ko Jenoside yakorewe Abatutsi yateguwe kandi igashyirwa mu bikorwa n'abayobozi babi bo mu nzego za Leta, iza gisirikari n'abandi bakoreshejwe, amahanga abizi, ntayikumire ataraba, akarebera, agatererana abicwaga mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi;

Tumaze kubona Icyemezo n° 955 cyo ku wa 08/11/1994 cyUmuryango w'Abibumbye gishyiraho Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda rwo gucira imanza abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi;

Tumaze kubona ko Ihuriro mu mikorere yaryo rigomba kuba isoko y'ibitekerezo bishya, umusemburo w'impinduka no gukora ubukangurambaga, hagamijwe kurushaho kunganira Inteko Ishinga Amategeko mu gushyira mu bikorwa inshingano zayo;

Twebwe, Abanyamuryango ba AGPF, twemeje ko Amategeko shingiro ya AGPF ahinduwe ku buryo bukurikira :

## <u>UMUTWE WA MBERE</u>: ISHYIRWAHO, IZINA , ICYICARO N'INTEGO BY'IHURIRO

### <u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo aya mategeko shingiro agamije

Aya mategeko shingiro agena imiterere n'imikorere by'Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko Jenoside rikumira Jenoside, ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi.

### <u>Ingingo ya 2</u>: Ishyirwaho n'izina by'Ihuriro

Hashyizweho Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko rikumira Jenoside , ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi, ryitwa "AGPF" mu magambo ahinnye y'Icyongereza.

### <u>Ingingo ya 3</u>: Icyicaro cya AGPF

Icyicaro cya AGPF kiri mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko, mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda.

### <u>Ingingo ya 4</u>: Intego rusange ya AGPF

AGPF igamije kurwanya, gukumira jenoside, kurwanya ihakana n'ipfobya byayo, kurandura burundu ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyo igaragariramo byose, amacakubiri n'ivangura bishingiye ku moko, ku turere cyangwa ku kindi icyo ari cyo cyose;

### <u>Ingingo ya 5</u>: Intego zihariye za AGPF

AGPF ibinyujije mu nshingano z'Inteko Ishinga Amategeko ifite intego zihariye zikurikira:

1° Kumvikanisha impamvu zo gukumira jenoside, ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi;

2° Kwigisha abaturage by'umwihariko urubyiruko imiterere y'ibikorwa bigize icyaha cya jenoside, ipfobya n'ihakana byayo n'uburyo bwo kubikumira no kubirwanya;

3° Gukusanya no gusesengura amakuru kuri Jenoside yakorewe Abatutsi n'ajyanye n'ipfobya n'ihakana ryayo mu rwego rwo gufata ingamba zigamije kuyikumira;

4° Kumenyekanisha ububi bwa Jenoside, ipfobya, ihakana n'ingaruka zayo haba mu Rwanda no mu mahanga hakoreshejwe uburyo bw'imibanire y'Inteko Ishinga Amategeko n'izindi

Nteko Zishinga Amategeko cyangwa mu Miryango ihuza Inteko Zishinga Amategeko u Rwanda rubereye umunyamuryango, hagamijwe:

a. kubaka ubufatanye mu gukumira jenoside, ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi;
b. gushyiraho ubufatanye n'ingamba zo kurwanya jenoside ;
c. gushyiraho uburyo bwo guhanahana amakuru ku bikorwa bishobora kuvamo jenoside;
d. kurwanya ikwirakwizwa ry'ibitekerezo bikangurira abantu gukora jenoside;
e. kurwanya ikwirakwizwa ry'ibitekerezo bipfobya bikanahakana Jenoside yakorewe Abatutsi

**Ingingo ya 6: Igihe AGPF izamara**

Igihe AGPF izamara ntikigenwe.

## UMUTWE WA II: ABANYAMURYANGO BA AGPF

**Ingingo ya 7: Kuba umunyamuryango wa AGPF**

(1) Umunyamuryango wa AGPF ni Umudepite cyangwa Umusenateri ubisabye mu nyandiko, bikemezwa n'Inteko Rusange yayo .

(2) Mu ntangiriro ya manda y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko, Umudepite cyangwa Umusenateri wifuza kuba umunyamuryango wa AGPF abisaba mu nyandiko Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko abarizwamo. Iyo hashyizweho ubuyobozi bwa AGPF, uwifuza kuba Umunyamuryango wa AGPF yandikira Perezida wayo.

(3) Ugize Inteko Ishinga Amategeko asaba kuba Umunyamuryango wa AGPF agendeye kuri ibi bikurikira, bifite aho bihuriye n'intego za AGPF:

(a) Ibimuraje ishinga ;

(b) Ubumenyi bwihariye;

(c) Inararibonye;

(d) Umwanya.

(4) Biro ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ikora urutonde rw'abawugize basabye kuba Abanyamuryango ba AGPF, ikarushyikiriza Inteko Rusange yayo kugira ngo ibemeze.

**Ingingo ya 8: Uburenganzira bw'umunyamuryango**

Umunyamuryango wa AGPF afite uburenganzira bukurikira:

(a) Gutora cyangwa gutorwa mu nzego za AGPF hakurikijwe ibiteganywa n'aya mategeko shingiro;

(b) kumenya no kumenyeshwa amakuru yose arebana na AGPF;

(c) kugira uruhare mu bikorwa byose bya AGPF;

(d) Kureka kuba umunyamuryango wa AGPF.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Kureka kuba Umunyamuryango**

Ugize AGPF atakaza kuba Umunyamuryango iyo:

(a) asezeye kuba umunyamuryango;

(b) yeguye ku murimo w'ugize Inteko Ishinga Amategeko;

(c) manda y'abagize Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko abarizwamo irangiye ;

(d) apfuye

**<u>Ingingo ya 10</u>: Inshingano z'umunyamuryango**

Umunyamuryango wa AGPF afite inshingano zikurikira:

(a) kubahiriza amategeko agenga AGPF;

(b) gutanga ibitekerezo bifasha AGPF kuba isoko y'ibitekerezo bishya byifashishwa n'Inteko Ishinga Amategeko mu mikorere yayo;

(c) gutanga ibitekerezo bituma AGPF iba umusemburo w'impinduka nziza, hagamijwe gushyira mu bikorwa intego zayo;

(d) kugira uruhare mu bikorwa bya AGPF no guharanira icyayiteza imbere;

(e) kubaha no gushyira mu bikorwa ibyemezo by'ubuyobozi bwa AGPF.

## <u>UMUTWE W A III</u>: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'INZEGO ZA AGPF

**<u>Ingingo ya 11</u>: Inzego z'ubuyobozi za AGPF**

Inzego z'ubuyobozi za AGPF ni izi zikurikira:

(a) Inteko Rusange;

(b) Komite Nshingwabikorwa.

Mu gushyira mu bikorwa inshingano zaryo, AGPF ishyiraho Komisiyo tekiniki ishinzwe gukora igikorwa cyemejwe n'Inteko rusange igasoza imirimo yayo itanze raporo ku Nteko rusange .

**<u>Icyiciro cya mbere</u>: Inteko Rusange**

**<u>Ingingo ya 12</u>: Abagize Inteko Rusange**

Inteko Rusange igizwe n'Abanyamuryango bose ba AGPF .

**<u>Ingingo ya 13</u>: Inshingano z'Inteko Rusange**

Inteko Rusange ya AGPF ni rwo rwego rukuru mu gufata ibyemezo, ifite inshingano zikurikira:

(a) kwemeza abanyamuryango;

(b) kwemeza no guhindura amategeko shingiro;

(c) kwemeza gahunda y'ibikorwa by'umwaka n'ingengo y'imari yabyo;

(d) kwemeza raporo y'ibikorwa by'umwaka;

(e) gufata umwanzuro kuri raporo ya Komisiyo Tekiniki;

(f) gutora no gusimbuza abagize inzego z'ubuyobozi.

**<u>Ingingo ya 14</u>: Iterana ry'inama z'Inteko Rusange n'ifatwa ry'ibyemezo**

(1) Inteko Rusange iterana mu nama isanzwe rimwe mu mwaka. Ishobora kandi guterana mu nama idasanzwe igihe cyose bibaye ngombwa.

(2) Haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 7 y'aya mategeko shingiro, inama y'Inteko Rusange itumizwa mu nyandiko kandi ikayoborwa na Perezida wa AGPF, iyo adahari itumizwa na Visi Perezida, hasigaye nibura iminsi itanu ngo inama iterane.

(3) Kugira ngo Inteko Rusange ya AGPF iterane mu buryo bwemewe n'amategeko, igomba guteranira mu ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko, inama yatumijwe, hari ibiri ku murongo w'ibyigwa, hari nibura bitatu bya gatanu (3/5) by'Abanyamuryango.

(4) Iyo umubare wa ngombwa uteganywa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo utabonetse, inama y'Inteko Rusange itumizwa bwa kabiri mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) iyo ari inama isanzwe, no mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) iyo ari inama idasanzwe y'Inteko Rusange. Icyo gihe inama y'Inteko Rusange iterana hatitawe ku mubare uteganywa mu gika cya gatatu.

(5) Inteko Rusange ifata ibyemezo ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama, iyo bidashobotse hakorwa itora, ibyemezo bigafatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abagize Inteko Rusange bitabiriye inama.

(6) Inama y'Inteko Rusange ikorerwa inyandikomvugo yemezwa n'Inteko Rusange mu nama yayo ikurikira. Icyo gihe umunyamuryango wese ushaka kugira icyo ayikosoraho ahabwa ijambo. Izo nyandiko zishyirwaho umukono n'umwanditsi wazo na Perezida wa AGPF.

**<u>Ingingo ya 15</u>: Itumizwa ry'undi muntu mu nama y'Inteko Rusange**

Inteko Rusange ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona wayifasha kugera ku ntego za AGPF . Uwatumiwe muri ubwo buryo ntagira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo.

**<u>Ingingo ya 16</u>: Gusaba ijambo mu nama y'Inteko Rusange**

Umunyamuryango usabye ijambo mu nama y'Inteko Rusange ararihabwa. Umunyamuryango wifuza gufata ijambo mu Nteko Rusange abikora azamura ikiganza cyangwa akoresheje ubundi buryo.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Komite Nshingwabikorwa ya AGPF**

**<u>Ingingo ya 17</u>: Abagize Komite Nshingwabikorwa**

1. Komite Nshingwabikorwa ya AGPF igizwe n'abanyamuryango batanu, batorwa n'abagize Inteko Rusange.

2. Komite Nshingwabikorwa ya AGPF igizwe na:

    (a) Perezida, ari nawe Perezida wa AGPF;

    (b) Visi Perezida

    (c) Abajyanama batatu .

**<u>Ingingo ya 18:</u> Itora ry'Abagize Komite Nshingwabikorwa ya AGPF**

(1) Umunyamuryango wifuza gutorerwa kuba umwe mu bagize Komite Nshingwabikorwa atanga kandidatire ye mu nama y'Inteko Rusange.

(2) Umunyamuryango ashobora kwiyamamaza cyangwa kwamamazwa n'undi munyamuryango. Umukandida watanzwe n'undi munyamuryango abanza guhabwa umwanya wo kwemera cyangwa kutemera ubwo busabe.

(3) Uretse Abajyanama batorerwa rimwe, buri mwanya w'ugize komite nshingwabikorwa ya AGPF utorerwa ukwawo.

(4) Amatora yose akorwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abanyamuryango bitabiriye inama yabereyemo amatora. Iyo habayeho kungana kw'amajwi, hongera kuba irindi tora. Iyo, nyuma y'iryo tora, abakandida bakomeje kunganya, amatora yimurirwa ku yindi tariki.

**<u>Ingingo ya 19</u>: Uburyo bukoreshwa mu gutora Abagize Komite Nshingwabikorwa**

(1) Uburyo bukoreshwa mu gutora abagize komite nshingwabikorwa bugenwa n'Inteko Rusange.

(2) Amatora y'abagize Komite Nshingwabikorwa agenzurwa na Biro y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ureberere AGPF n'Abaseseri batatu (3) batorwa mu bagize AGPF batiyamaje.

**<u>Ingingo ya 20</u>: Manda y'abagize Komite Nshingwabikorwa**

Abagize Komite Nshingwabikorwa ya AGPF batorerwa igihe cy'imyaka ibiri n'igice (2,5) ishobora kongerwa.

**<u>Ingingo ya 21</u>: Inshingano za Komite Nshingwabikorwa**

(1) Komite Nshingwabikorwa ya AGPF ifite inshingano zikurikira:

(a) Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'intego za AGPF;

(b) Kwemeza ishyirwaho Komisiyo tekiniki, kugena abayigize no kuyiha inshingano;

(c) Gukurikirana no guhuza ibikorwa bya AGPF;

(d) Gutegura gahunda y'ibyigwa n'inama z'Inteko Rusange;

(e) Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inteko Rusange;

(f) Gufata ibyemezo byihutirwa biri mu bubasha bw'Inteko Rusange, mu gihe idashobora guterana;

(g) Gutegura iteganyabikorwa rya AGPF no gukurikirana uko rishyirwa mu bikorwa;

(h) Gutegura imbanzirizamushinga y'amategeko shingiro ya AGPF;

(i) Gukorana n'izindi nzego bihuje inshingano haba mu gihugu cyangwa mu mahanga;

(j) Gukora indi nshingano yahabwa n'Inteko Rusange.

(2) Ibyemezo bivugwa mu gika cya (1)(f) bigezwa ku Nteko Rusange mu nama yayo ikurikira ikabifataho umwanzuro.

**<u>Ingingo ya 22</u>: Inshingano za Perezida wa AGPF**

Perezida wa AGPF ashinzwe ibi bikurikira:

(a) guhagararira AGPF no kuba umuvugizi wayo;

(b) gutumira no kuyobora inama y'Inteko Rusange;

(c) guhuza ibikorwa bya Komite Nshingwabikorwa, gutumira no kuyobora inama zayo;

(d) kugenzura ko ibyemezo by'Inama Rusange n'ibya Komite Nshingwabikorwa bishyirwa mu bikorwa;

(e) kugenzura ko intego za AGPF zishyirwa mu bikorwa igendeye ku igenamigambi;

(f) gutegura no gukurikirana ibikorwa bya AGPF bigamije ubukanguramba;

(g) kumenyakanisha ibikorwa ba AGPF;

(h) kukora indi mirimo yose yahabwa n’Inteko Rusange cyangwa Komite Nshingwabikorwa.

**<u>Ingingo ya 23</u>: Inshingano za Visi Perezida**

Visi Perezida afite inshingano zikurikira:

(a) gusimbura Perezida wa AGPF mu gihe adahari;

(b) gukurikirana ibikorwa bya Komisiyo tekiniki;

(c) gutegura no guhuza ibikorwa by’ubushakashatsi;

(d) gutegura gahunda zijyanye no kongerera ubushobozi abagize AGPF;

(e) gukurikirana ibyerekeye itegurwa ry’inyandiko na raporo z’inama z’Inteko Rusange n’iza Komite Nshingwabikorwa;

(f) gukurikirana itegurwa ry’iteganyabikorwa rya AGPF;

(g) gukora indi nshingano yahabwa n’Inteko Rusange cyangwa Komite Nshingwabikorwa.

**<u>Ingingo ya 24</u>: Iterana ry’inama za Komite Nshingwabikorwa**

Komite Nshingwabikorwa iterana rimwe(1) mu kwezi n’igihe cyose bibaye ngombwa. Komite Nshingwabikorwa ifite ububasha bwose ku birebana no gushyira mu bikorwa intego za AGPF n'ibyemezo by'Inama Rusange.

**<u>Ingingo ya 25</u>: Abakozi ba AGPF**

AGPF igira abakozi bayunganira, bashyirwaho hakurikijwe amategeko abigenga.

**<u>Ingingo ya 26</u>: Ibigenerwa umunyamuryango uri mu bikorwa bya AGPF**

Ibikorwa abanyamuryango bakorera AGPF ntibihemberwa. Icyakora, mu gihe abanyamuryango ba AGPF bari mu mirimo yayo cyangwa mu ngendo bagenerwa ibyangombwa bibafasha hakurikijwe amategeko abigenga.

**<u>UMUTWE W A III</u>: IMIKORERE YA AGPF**

**<u>Ingingo ya 27</u>: Uburyo bw’imikorere**

Mu mikorere yayo, AGPF irangwa n’ibi bikurikira:

(a) Kuba isoko y’ibitekerezo bishya byifashishwa n’Inteko Ishinga Amategeko mu kumenya ibyuho biri mu mategeko, gutuma abanyamuryango bayigize babishingiraho mu gutegura imishinga y’amategeko, kugaragaza ibyuho biri mu iyubahirizwa ry’amategeko cyangwa mu gutuma inzego z’Inteko Ishinga Amategeko zibifitiye ububasha zishingira kuri raporo ya AGPF mu kurushaho kunoza inshingano yo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma;

(b) Kuba umusemburo w'impinduramatwara ugaragazwa n'uko abanyamuryango barangwa n'imyitwarire ntangarugero mu gushyira mu bikorwa intego za AGPF;

(c) Gukora ubukangurambaga bugamije impinduka ziri mu cyerekezo cya AGPF mu bagize Inteko Ishinga Amategeko, mu bafatanyabikorwa b'Ihuriro no mu baturage.

**<u>Ingingo ya 28</u>: Guhuza imikorere ya AGPF n'inshingano z'Inteko Ishinga Amategeko**

(1) Gahunda y'ibikorwa y'umwaka AGPF ishingira ku igenamigambi ry'igihe kirekire rya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.

(2) Mu gushyira mu bikorwa inshingano y'Inteko Ishinga Amategeko yo kujya impaka ku mategeko no kuyatora, AGPF ibikora mu buryo bukurikira:

(a) Gutangiza umushinga w'itegeko mu gihe isanze ari bwo buryo bwakemura ikibazo cyagaragaye cyasuzumwe na AGPF;

(b) Gutanga ibitekerezo ku mushinga w'itegeko washyikirijwe Inteko Ishinga Amategeko werekeye intego zayo;

(c) Kumenyekanisha itegeko ryatangajwe ryerekeye intego za AGPF;

(d) Gusesengura ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko.

(3) Ku byerekeye inshingano yo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma:

(a) AGPF ibinyujije mu banyamuryango bayo, ishobora gutangiza igikorwa cyo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, nyuma yo:

- gukora isesengura ryimbitse rya politiki ya Leta ifite aho ihurira n'intego zayo, igasanga hari ikibazo gikwiye gukurikiranwa;

- gukora isesengura rya raporo za Komisiyo z'Igihugu n'iz'Inzego zihariye zishyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko, igasanga muri raporo hari ikibazo gifite aho guhurira n'intego zayo gikwiye gukomeza gukurikiranwa;

(b) ugize AGPF ashobora gusaba guhabwa amakuru ku kibazo kigezweho muri icyo gihe, mu gihe AGPF isesengura ingingo zijyanye n'intego zayo, igasanga hari amakuru agomba gutangwa n'ugize Guverinoma.

(4) AGPF ifasha mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibyo u Rwanda rwiyemeje ku rwego mpuzamahanga ikoresheje uburyo bukurikira:

(a) gusesengura ibibazo bigaragara mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibyo u Rwanda rwiyemeje;

(b) gukora ubukangurambaga aho bukenewe, hagamijwe gufasha kuzamura uruhare rw'inzego, abaturage n'abafatanyabikorwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibyo u Rwanda rwiyemeje.

(5) Ku byerekeye iyubahirizwa ry'amahame remezo, AGPF iharanira iyubahirizwa ry'amahame remezo afite aho ahurira n'intego zayo mu buryo bukurikira:

(a) gusesengura ibibazo bibangamiye amahame remezo ifite aho ihurira n'intego zayo;

(b) gukora ubukangurambaga ku iyubahirizwa ry'ihame remezo rijyanye n'intego zaryo.

## <u>UMUTWE WA V:</u> IMIKORANIRE YA AGPF N'IZINDI NZEGO

### <u>Ingingo ya 29:</u> Umutwe ureberera AGFP

(1) Ku bwumvikane bwa Biro z'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, AGPF igira Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko uyireberera.

(2) Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ureberera AGPF, buri mwaka uteganya mu ngengo y'imari yawo amafaranga ugenera ibikorwa bya AGPF.

(3) Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe ureberera AGPF akora buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa, raporo y'imikoreshereze y'umutungo wa AGPF akayishyikiriza Perezida w'Umutwe ureberera AGPF, akagenera kopi Perezida w'undi mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.

### <u>Ingingo ya 30</u>: Gukurikirana imikorere ya AGPF

(1) Biro z'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko zikurikirana imikorere ya AGPF zibinyujije kuri ba Visi Perezida mu Mitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko bashinzwe amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.

(2) Ba Visi Perezida b'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko bafite mu nshingano imikorere y'amahuriro na Perezida wa AGPF barebera hamwe iteganyabikorwa ryayo.

### <u>Ingingo ya 31</u>: Raporo y'ibikorwa bya AGPF

(1) Buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa, AGPF ishyikiriza Perezida wa buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko gahunda na raporo y'ibikorwa byayo.

(2) Iyo Perezida wa buri Mutwe w’Inteko Ishinga Amategeko yakiriye raporo y’ibikorwa ayishyikiriza abagize uwo Mutwe.

(3) Mu gihe hari ibyo raporo y’ibikorwa yagaragaje bishobora gufatwaho icyemezo, Biro z’Imitwe yombi y’Inteko Ishinga Amategeko zumvikana ku gikwiye gukorwa.

**<u>Ingingo ya 32</u>: Ishyirwaho rya Komisiyo tekiniki**

(1) Bisabwe na Komite Nshingwabikorwa, Inteko Rusange ya AGPF ishobora gushyiraho Komisiyo tekiniki ishinzwe gusuzuma ikibazo cyihariye gifite aho gihurira n’intego ya AGPF.

(2) Abakandida muri Komisiyo tekeniki batangwa na Komite nshingwabikorwa bakemerezwa hamwe n’Inteko Rusange ku bwiganze burunduye bw’amajwi y’Abitabiriye inama.

(3) Mu bagize Komisiyo tekiniki, Komite Nshingwabikorwa ishyikiriza Inteko Rusange abagize Biro y’iyo Komisiyo igizwe na Perezida na Visi Perezida bemezwa umwe ukwe n’undi ukwe n’Inteko Rusange ku bwiganze burunduye bw’amajwi y’Abitabiriye inama.

**<u>Ingingo ya 33</u>: Raporo ya Komisiyo tekiniki ya AGPF**

Nyuma y’igikorwa cya Komisiyo tekiniki, Perezida wa AGPF ashyikiriza raporo ba Perezida b’Imitwe yombi y’Inteko Ishinga Amategeko. Icyakora, iyo raporo igagaraza ikibazo gikwiye gukomeza gukurikiranwa n’izindi nzego z’Inteko Ishinga Amategeko, raporo ishyirikizwa Perezida w’Umutwe w’Inteko Ishinga Amategeko ufite inshingano zifite aho zihuriye n’igikorwa cya AGPF, Biro yawo igafata umwanzuro ku gikwiye gukorwa.

**<u>Ingingo ya 34</u>: Imikoranire ya AGPF n’abafatanyabikorwa**

(1) Gahunda z'ibikorwa bya AGPF n'imikoranire yayo n'izindi nzego bikorwa hakurikije ibiteganywa n’Itegeko Ngenga rigena imikorere ya Sena n’Itegeko Ngenga rigena imikorere y’Umutwe w’Abadepite.

(2) Mu bikorwa bya AGPF ishobora kwiyambaza abandi bagize Inteko Ishinga Amategeko batari abanyamuryango bayo.

(3) AGPF ibinyujije kuri Perezida w’Umutwe w’Inteko Ishinga Amategeko uyireberera, ishobora gutumira mu nama yayo undi muntu ibona ko ashobora kuyunganira mu gikorwa irimo.Mu bikorwa byayo AGPF ishobora kandi kwifashisha impuguke.

(4) Ubutumire bw’Umunyamuryango wa AGPF buturutse mu nzego za Leta n’abafatanyabikorwa bunyuzwa kuri Perezida w’Umutwe w’Inteko Ishinga Amategeko uyireberera.

**UMUTWE W A IV: UMUTUNGO WA AGPF**

**Ingingo ya 35: Inkomoko y'umutungo wa AGPF**

Umutungo wa AGPF ukomoka aha hakurikira:

(a) Ingengo y'imari igenerwa n'Umutwe w'Inteko Ishinga amategeko uyireberera;

(b) Ingengo y'imari itangwa n'umufatanyabikorwa.

**Ingingo ya 36: Imicungire y'umutungo wa AGPF**

Umutungo wa AGPF ucungwa hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

**UMUTWE WA VI: ISESWA RYA AGPF**

**Ingingo ya 37: Iseswa rya AGPF**

AGPF iseswa hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rigena imikorere ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.

**UMUTWE WA VII : INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 38: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mategeko-shingiro**

(1) Ingingo zinyuranyije n'aya mategeko-shingiro zivanyweho.

(2) Iyo hari ikibazo kireba AGPF kidateganyijwe n'aya mategeko nshingiro cyangwa n'Itegeko Ngenga rigena imikorere ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko, Biro z'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko zumvikana ku buryo cyakemuka.

**Ingingo ya 39: Igihe aya mategeko shingiro atangirira gukurikizwa**

Aya mategeko-shingiro atangira gukurikizwa ku munsi yemerejweho n'Inama Rusange ya AGPF.

**Kigali, ku wa.../...../2024**